# Gatigisimu y'Abahungu n'Abakobwa



Erroll Hulse (1931-2017)

# GATIGISIMU Y'ABAHUNGU N'ABAKOBWA

# ERROLL HULSE (1931-2017)

## GATIGISIMU Y'ABAHUNGU N'ABAKOBWA


**1. IMANA, UMUNTU, N'ICYAHA** .......... 3

**2. AGAKIZA** .......... 7

**3. AMATEGEKO ICUMI** .......... 11

**4. ISENGESHO** .......... 16

**5. IJAMBO, ITORERO N'AMASAKARAMENTU** .......... 19

**6. IBY'IMPERUKA** .......... 21

**7. IBYASHINGIWEHO MURI BIBILIYA KURI BURI GISUBIZO** . 22

Mu Rwanda usanga hari ibitabo bike (imfashanyigisho) biri mu Kinyarwanda byigisha inyigisho nzima, ahubwo ugasanga ibyinshi byigisha ibintu mu buryo budahura n'ukuri kw'ibyanditswe byera, bigatuma abantu benshi batamenya ukuri ahubwo bagakomeza kwizera ibyo babasha gusoma mu rurimi bumva (Ikinyarwanda). Ikindi usanga abantu babasha kubona ibitabo bizima biba biri mu ndimi z'amahanga, abatabasha kuzumva bikaba ari ikibazo kuri bo.

Gatigisimu ni agatabo k'ibibazo n'ibisubizo ku bintu by'ibanze abakristo bizera. Aka gatabo umuntu wese yakwiga ibirimo kugira ngo asobanukirwe ubutumwa bwiza, by'umwihariko wagakoresha wigisha abana kandi bakaba basobanukirwa neza ijambo ry'Imana mu buryo bworoshye kandi bwumvikana. Iyi Gatigisimu yigisha ubutumwa bwiza ubwizera wese yaba umukuru cyangwa umuto arakizwa.

Ku bantu bigisha abana bato haba mu ngo cyangwa n'ahandi hantu hose bigishirizwa ijambo ry'Imana nabasaba rwose gukoresha iyi gatigisimu, kugira ngo ubafashe kwiga neza ijambo ry'Imana, ntekereza ko  bibaye byiza mwajya mukora ibibazo bike bishoboka icy'ingenzi ni uko bumva kuruta uko mwakwihutira kuyisoza, mushobora kuyikora mu gihe cy'umwaka (ku bana).

Mu gihe waba wigisha abana ni byiza ko bafata mu mutwe ibyo biga ndetse mugasoma n'ibyanditswe kuri buri kibazo mugezeho.

**‘‘Kandi uzi yuko uhereye mu buto bwawe wamenyaga ibyanditswe byera bibasha kukumenyesha ubwenge, bwo kukuzanira agakiza gaheshwa no kwizera Kristo Yesu (2 Timoteyo 3:15)’’.**

Yashyizwe mu Kinyarwanda na: Gloire NGIRISOKO

Byakosowe na David SEBIKABU

Tel: +250781460490

Email: ngirisokog@gmail.com

Kigali, Werurwe, 2022

**GATIGISIMU Y'ABAHUNGU N'ABAKOBWA**

## 1. IMANA, UMUNTU, N'ICYAHA

Ikibazo cya 1: Ni nde wakuremye?

Igisubizo: Imana ni yo yandemye.

Ikibazo cya 2: Ikindi ni iki Imana yaremye?

Igisubizo: Imana yaremye ibintu byose.

Ikibazo cya 3: Ni ukubera iki Imana yakuremye ndetse ikarema n'ibintu byose?

Igisubizo: Ku bw'icyubahiro cyayo.

Ikibazo cya 4: Ni gute waha Imana icyubahiro?

Igisubizo: Binyuze mu kuyikunda no gukora ibyo itegeka.

Ikibazo cya 5: Kubera iki ugomba guha Imana icyubahiro?

Igisubizo: Kubera ko yandemye kandi ikaba inyitaho.

Ikibazo cya 6: Ese hariho Imana nyinshi zirenze imwe?

Igisubizo: Oya, hariho Imana imwe gusa.

Ikibazo cya 7: Iyi Mana imwe iri mu ba Perisona bangahe?

Igisubizo: Mu ba Perisona batatu

Ikibazo cya 8: Ni ba nde?

Igisubizo: Data, Umwana, n'Umwuka Wera.

Ikibazo cya 9: Imana ni nde?

Igisubizo: Imana ni Umwuka, kandi ntifite umubiri nk'abantu

Ikibazo cya 10: Imana iri he?

Igisubizo: Imana iri ahantu hose.

Ikibazo cya 11: Wabasha kubona Imana?

Igisubizo: Oya, ntabwo nabasha kubona Imana, ariko yo ihora imbona.

Ikibazo cya 12: Ese Imana izi ibintu byose?

Igisubizo: Yego, ntakintu cyabasha kwihisha Imana.

Ikibazo cya 13: Ese Imana ishobora gukora ibintu byose?

Igisubizo: Yego, Imana ishobora gukora iby'umugambi wayo wera byose.

Ikibazo cya 14: Ni he wigira gukunda no kumvira Imana?

Igisubizo: Muri Bibiliya gusa.

Ikibazo cya 15: Ni nde wanditse Bibiliya?

Igisubizo: Abantu bera bigishijwe n'Umwuka Wera.

Ikibazo cya 16: Ababyeyi bacu ba mbere ni ba nde?

Igisubizo:  Adamu na Eva

Ikibazo cya 17: Ababyeyi bacu ba mbere baremwe mu ki?

Igisubizo: Imana yaremye umubiri wa Adamu mu gitaka, kandi irema na Eva imukuye mu mubiri wa Adamu.

Ikibazo cya 18: Ni iki Imana yahaye Adamu na Eva uretse imibiri?

Igisubizo: Yabahaye roho zitashoboraga gupfa.

Ikibazo cya 19: Ese ufite roho kimwe nk'uko ufite umubiri?

Igisubizo: Yego, mfite roho idashobora gupfa.

Ikibazo cya 20: Ni gute umenya ko ufite roho?

Igisubizo: Kubera ko Bibiliya ibimbwira.

Ikibazo cya 21: Ni mu kahe kamero Imana yaremye Adamu na Eva?

Igisubizo: yabaremye bera kandi bishimye.

Ikibazo cya 22: Ese Adamu na Eva bagumye bera ndetse bishimye?

Igisubizo: Oya, Bacumuye ku Mana.

Ikibazo cya 23: Icyaha ni iki?

Igisubizo: Icyaha ni igicumuro cyose ku itegeko ry'Imana.

Ikibazo cya 24: Ese igicumuro gisobanura iki?

Igisubizo: Gukora icyo Imana ibuza.

Ikibazo cya 25: Ni iki cyari icyaha cy'ababyeyi bacu ba mbere?

Igisubizo: Kurya ku mbuto zibujijwe.

Ikibazo cya 26: Kubera iki bariye ku mbuto zibujijwe?

Igisubizo: Kubera ko batizeye icyo Imana yavuze.

Ikibazo cya 27: Ni nde wabashutse gukora iki cyaha?

Igisubizo: Satani yashutse Eva na we aha ku mbuto Adamu.

Ikibazo cya 28: Ni iki cyabaye ku babyeyi bacu ba mbere igihe bakoraga icyaha?

Igisubizo: Mu cyimbo cyo kwera no kwishima, bahindutse abanyabyaha ndetse babi cyane bikabije.

Ikibazo cya 29:.Ni izihe ngaruka icyaha cya Adamu cyazaniye ikiremwa muntu (inyokomuntu) cyose?

Igisubizo: Abantu bose bavuka ari abanyabyaha kandi ari babi cyane bikabije.

Ikibazo cya 30: Ni iki turagwa giturutse kuri Adamu nk'ingaruka z'icyaha cye cya mbere?

Igisubizo: Kamere y'icyaha.

Ikibazo cya 31: Ese ni iki icyaha cyose gikwiriye?

Igisubizo: Umujinya n'urubanza by'Imana.

Ikibazo cya 32: Ese hari umuntu ushobora kujyana mu ijuru iyi kamere y'icyaha?

Igisubizo: Oya, imitima yacu igomba guhindurwa mbere yuko dushobora kuba abakwiriye ijuru.

Ikibazo cya 33: Ese guhindurwa k'umutima kwitwa gute?

Igisubizo: Kubyarwa ubwa kabiri.

Ikibazo cya 34: Ni nde ushobora guhindura umutima w'umunyabyaha?

Igisubizo: Mwuka Wera wenyine gusa

Ikibazo cya 35: Ese gukiranuka ni iki?

Igisubizo: Ni ibyiza by'Imana.

Ikibazo cya 36: Ese umuntu ashobora gukizwa no gukiranuka kwe bwite?

Igiisubizo: Oya, nta n'umwe mwiza bihagije ku Mana.

## 2. AGAKIZA

Ikibazo cya 37: Ese isezerano ni iki?

Igisubizo: Ni ubwumvikane (igihango) hagati y'abantu babiri cyangwa benshi.

Ikibazo cya 38: Ese isezerano ry'ubuntu ni iki?

Igisubizo: Ni ubwumvikane Imana Data yagiranye na Kristo bwerekeranye n'intore zayo, kubakiza bakavanwa mu byaha byabo.

Ikibazo cya 39: Ese ni iki Kristo yakoze mu isezerano ry'ubuntu?

Igisubizo: Kubahiriza amategeko yose ku bw'abantu be no kubabazwa n'igihano gikwiriye ibyaha byabo.

Ikibazo cya 40. Ese Umwami wacu Yesu Kristo yigeze akora icyaha?

Igisubizo: Oya, yari Uwera, Umuziranenge kandi atanduye.

Ikibazo cya 41: Ni gute Umwana w'Imana yashoboye kubabara?

Igisubizo: Kristo, Umwana w'Imana, yambaye umubiri n'amaraso kugira ngo abashe kumvira no kubabara nk'umuntu.

Ikibazo cya 42:  Ese impongano isobanuye iki?

Igisubizo: Kristo guhaza ubutabera bw'Imana, mu mibabaro n'urupfu bye, mu mwanya w'abanyabyaha.

Ikibazo cya 43: Ese ni iki Imana Data yakoze mu isezerano ry'ubuntu?

Igisubizo: Gutsindishiriza no kweza abo Kristo yagombaga gupfira.

Ikibazo cya 44: Ese gutsindishirizwa ni iki?

Igisubizo: Ni Imana kureba abanyabyaha nk'aho batigeze bakora icyaha.

Ikibazo cya 45: Ese kwezwa ni iki?

Igisubizo: Ni Imana kugira abanyabyaha Abera mu mutima no mu ngeso zabo.

Ikibazo cya 46: Ese ni ku bwa bande Kristo yumviye akanababazwa?

Igisubizo:  Ni kubwo abo Data yamuhaye

Ikibazo cya 47:  Ni ubuhe buzima Kristo yabayeho mu isi?

Igisubizo:  Ubuzima bwo kumvira gutunganye rwose amategeko y'Imana.

Ikibazo cya 48: Ni uruhe rupfu Kristo yapfuye?

Igisubizo: Urupfu rubabaje cyane kandi rukojeje isoni rwo ku musaraba.

Ikibazo cya 49: Ni bande bazakizwa?

Igisubizo: Abihana ibyaha bonyine kandi bakizera Kristo.

Ikibazo cya 50: Ese kwihana ni iki?

Igisubizo: Kwicuza ibyaha no kubyanga no kubireka, kubera ko bitanezeza Imana.

Ikibazo 51:  Ese kwizera Kristo ni iki?

Igisubizo: Kwiringira Kristo gusa ngo ubone agakiza.

Ikibazo cya 52: Ese ushobora kwihana no kwizera Kristo ukoresheje imbaraga zawe?

Igisubizo: Oya, ntacyiza nabasha gukora ntafite Mwuka Wera w'Imana.

Ikibazo cya 53:  Ni gute ushobora kwakira Mwuka Wera?

Igisubizo:  Imana yatubwiye ko tugomba kuyisenga dusaba Mwuka Wera.

Ikibazo cya 54:  Ese ni gute abantu b'Imana bakijijwe mbere yo kuza kwa Kristo?

Igisubizo: Binyuze mu kwizera Umukiza wagombaga kuzaza.

Ikibazo cya 55:  Ni gute bagaragazaga kwizera kwabo?

Igisubizo: Binyuze mu gutanga ibitambo ku gicaniro cy'Imana.

Ikibazo cya 56: Ese ibi bitambo byashushanyaga iki?

Igisubizo: Kristo, Ntama w'Imana, wagombaga gupfira abanyabyaha.

Ikibazo cya 57: Ese ni iki Kristo akorera abantu be?

Igisubizo: Akora umurimo w'Umuhanuzi, Umutambyi n'Umwami.

Ikibazo cya 58: Kubera iki Kristo ari Umuhanuzi?

Igisubizo: Kubera ko atwigisha ubushake bw'Imana.

Ikibazo cya 59: Kubera iki Kristo ari Umutambyi?

Igisubizo: Kubera ko yapfiriye ibyaha byacu kandi adusabira ku Mana.

Ikibazo cya 60: Kubera iki Kristo ari Umwami?

Igisubizo: Kubera ko adutegeka kandi akatuvugira.

Ikibazo cya 61: Kubera iki ukeneye Kristo nk'Umuhanuzi?

Igisubizo: Kubera ko ndi injiji.

Ikibazo cya 62: Kubera iki ukeneye Kristo nk'Umutambyi?

Igisubizo: Kubera ko ndi umunyabyaha.

Ikibazo cya 63: Kubera iki ukeneye Kristo nk'Umwami?

Igisubizo: Kubera ko ndi umunyantege nke kandi utifashije.

## 3. AMATEGEKO ICUMI

Ikibazo cya 64: Ese ni amategeko angahe Imana yatanze ku musozi sinayi?

Igisubizo: Amategeko icumi.

Ikibazo cya 65: Ese amategeko icumi y'Imana rimwe na rimwe yitwa gute?

Igisubizo: Amategeko y'Imana ajyanye n'imyitwarire

Ikibazo cya 66: Ese amategeko ane ya mbere yigisha iki?

Igisubizo: Inshingano zacu ku Mana.

Ikibazo cya 67: Ese amategeko atandatu ya nyuma yigisha iki?

Igisubizo: Inshingano zacu kuri bagenzi bacu.

Ikibazo cya 68: Ese amategeko icumi yose akubiye mu ki?

Igisubizo: Gukundishe Imana umutima wanjye wose, no gukunda mugenzi wanjye nk'uko nikunda.

Ikibazo cya 69: Mugenzi wawe ni nde?

Igisubizo: Abantu bose ni bagenzi banjye.

Ikibazo cya 70: Ese Imana inezezwa n'abayikunda kandi bakayumvira?

Igisubizo: Yego, iravuga ngo ‘‘nkunda abankunda’’

Ikibazo cya 71: Ese Imana inezezwa n'abantu batayikunda kandi batayumvira?

Igisubizo: Oya, Imana igirira umujinya inkozi z'ibibi iminsi yose.

Ikibazo cya 72: Ese itegeko rya mbere ni irihe?

Igisubizo: Itegeko rya mbere ni, ‘‘Ntukagire izindi mana mu maso yanjye.’’.

Ikibazo cya 73: Ese itegeko rya mbere ritwigisha iki?

Igisubzizo: Kuramya Imana yonyine.

Ikibazo cya 74: Ese itegeko rya kabiri ni irihe?

Igisubizo: Itegeko rya kabiri ni, ‘‘Ntukiremere igishushanyo kibajwe, cyangwa igisa n'ishusho yose iri hejuru mu ijuru, cyangwa hasi ku butaka cyangwa mu mazi yo hepfo y'ubutaka. Ntukabyikubite imbere, ntukabikorere kuko Uwiteka Imana yawe ndi Imana ifuha, mpora abana

gukiranirwa kwa ba se, nkageza ku buzukuruza n'ubuvivi bw'abanyanga, nkababarira abankunda bakitondera amategeko yanjye, nkageza ku buzukuruza babo b'ibihe igihumbi.''

Ikibazo cya 75: Ese itegeko rya kabiri ritwigisha iki?

Igisubizo: Kuramya Imana mu buryo bukwiriye, no kwirinda kuramya ibigirwamana.

Ikibazo cya 76: Ese itegeko rya gatatu ni irihe?

Igisubizo: Itegeko rya gatatu ni, "Ntukavugire ubusa izina ry'Uwiteka Imana yawe, kuko Uwiteka atazamubara nk'utacumuye, uvugiye ubusa izina rye."

Ikibazo cya 77: Ese itegeko rya gatatu ritwigisha iki?

Igisubizo: Kubaha izina ry'Imana, Ijambo ryayo n'imirimo yayo.

Ikibazo cya 78: Ese itegeko rya kane ni irihe?

Igisubizo: Itegeko rya kane ni, ''Wibuke kweza umunsi w'isabato. Mu minsi itandatu ujye ukora, abe ari yo ukoreramo imirimo yawe yose, ariko uwa karindwi ni wo sabato y'Uwiteka Imana yawe. Ntukagire umurimo wose uwukuraho, wowe ubwawe, cyangwa umuhungu wawe cyangwa umukobwa wawe, cyangwa umugaragu wawe cyangwa umuja wawe, cyangwa itungo ryawe cyangwa umunyamahanga wawe uri iwanyu, kuko iminsi itandatu ari yo Uwiteka yaremeyemo byose, akaruhukira ku wa karindwi. Ni cyo cyatumye Uwiteka aha umugisha umunsi w'isabato, akaweza.

Ikibazo cya 79: Ese itegeko rya kane ritwigisha iki?

Igisubizo: Kweza umunsi w’isabato.

Ikibazo cya 80: Ese ni uwuhe munsi mu cyumweru w’isabato y’abakristo?

Igisubizo: Umunsi wa mbere w’icyumweru, witwa umunsi w’Umwami.

Ikibazo cya 81: Kubera iki witwa umunsi w’Umwami?

Igisubizo: Kubera ko kuri uwo munsi ari bwo Kristo yazutse mu bapfuye.

Ikibazo cya 82: Ese ni gute isabato ikwiriye kwezwa?

Igisubizo: Mu gusenga no gushima, mu kumva no gusoma Ijambo ry’Imana, no gukorera ibyiza bagenzi bacu.

Ikibazo cya 83: Ese itegeko rya gatanu ni irihe?

Igisubizo: Itegeko rya gatanu ni, ‘‘Wubahe so na nyoko, kugira ngo uramire mu gihugu Uwiteka Imana yawe iguha.

Ikibazo cya 84: Ese itegeko rya gatanu ritwigisha iki?

Igisubizo: Gukunda no kumvira ababyeyi bacu.

Ikibazo cya 85: Ese itegeko rya gatandatu ni irihe?

Igisubizo: Itegeko rya gatamdatu ni, ‘‘Ntukice’’

Ikibazo cya 86: Ese itegeko rya gatandatu ritwigisha iki?

Igisubizo: Kwirinda urwango.

Ikibazo cya 87: Ese itegeko rya karindwi ni irihe?

Igisubizo: Itegeko rya karindwi ni, ‘‘Ntugasambane’’

Ikibazo cya 88: Ese ni iki itegeko rya karindwi ritwigisha?

Igisubizo: Kubonera mu mutima, mu mvugo no mu myitwarire.

Ikibazo cya 89: Ese itegeko rya munani ni irihe?

Igisubizo: Itegeko rya munani ni, ‘‘Ntukibe’’

Ikibazo cya 90: Ese itegeko rya munani ritwigisha iki?

Igisubizo: Kuba abanyakuri no kudatwara ibintu by’abandi.

Ikibazo cya 91:  Ese itegeko rya cyenda ni irihe?

Igisubizo: Itegeko rya cyenda ni, ‘‘Ntugashinje ibinyoma mugenzi wawe’’

Ikibazo cya 92: Ese itegeko rya munani ritwigisha iki?

Igisubizo: Kuvuga ukuri no kutavuga abandi nabi.

Ikibazo cya 93: Ese itegeko rya cumi ni irihe?

Igisubizo: Itegeko rya cumi ni, ‘‘Ntukifuze inzu ya mugenzi wawe, ntukifuze umugore wa mugenzi wawe, cyangwa umugaragu we cyangwa umuja we, cyangwa inka ye cyangwa indogobe ye, cyangwa ikindi kintu cyose cya mugenzi wawe.’’

Ikibazo cya 94: Ese itegeko rya cumi ritwigisha iki?

Igisubizo: Kunyurwa n'ibyo dufite.

Ikibazo cya 95: Ese hari umuntu ushobora kumvira aya mategeko icumi mu buryo butunganye rwose?

Igisubizo: Nta muntu n'umwe, kuva Adamu yagwa, wigeze ushobora cyangwa ushobora kumvira amategeko icumi mu buryo butunganye rwose.

Ikibazo cya 96: Ese amategeko icumi atumariye iki?

Igisubizo: Atwigisha inshingano zacu, kandi akatwereka ko dukeneye Umukiza.

## 4. ISENGESHO

Ikibazo cya 97: Ese isengesho ni iki?

Igisubizo: Gusenga ni ukuganira n'Imana.

Ikibazo cya 98: Ni mu izina rya nde tugomba gusenga?

Igisubizo: Mu izina rya Kristo gusa.

Ikibazo cya 99: Ese ni iki Kristo yatanze atwigisha uko dukwiriye gusenga?

Igisubizo: Isengesho ry'Umwami.

Ikibazo cya 100: Ese wasubiramo isengesho ry'Umwami?

Igisubizo: ''Data wa twese uri mu ijuru, Izina ryawe ryubahwe, ubwami bwawe buze, ibyo ushaka bibeho mu isi, nk'uko biba mu ijuru. Uduhe none ibyo kurya byacu by'uyu munsi, utubabarire ibicumuro byacu, nk'uko natwe tubabarira abaducumuraho, ntuduhane mu bitwoshya, ahubwo udukize umubi, kuko ubwami n'ubushobozi n'icyubahiro ari ibyawe, none n'iteka ryose. Amen.''

Ikibazo cya 101: Ese ni ibisabisho bingahe biri mu isengesho ry'Umwami?

Igisubizo: bitandatu

Ikibazo cya 102: Ese igisabisho cya mbere ni ikihe?

Igisubizo: Izina ryawe ryubahwe

Ikibazo cya 103: Ese ni iki dusengera mu gisabisho cya mbere?

Igisubizo: Ngo izina ry'Imana ryubahwe natwe ndetse n'abantu bose.

Ikibazo cya 104: Ese igisabisho cya kabiri ni ikihe?

Igisubizo: Ubwami bwawe buze.

Ikibazo cya 105: Ese ni iki dusengera mu gisabisho cya kabiri?

Igisubizo: Ngo Ubutumwa bwiza bubwirizwe mu isi yose, bwizerwe kandi bwumvirwe natwe ndetse n'abantu bose.

Ikibazo cya 106: Ese igisabisho cya gatatu ni ikihe?

Igisubizo: Ibyo ushaka bibeho mu isi, nk'uko biba mu ijuru.

Ikibazo cya 107: Ese ni iki dusengera mu gisabisho cya gatatu?

Igisubizo: Ngo abantu mu isi bakorere Imana nk'uko abamarayika bayikorera mu ijuru.

Ikibazo cya 108: Ese igisabisho cya kane ni ikihe?

Igisubizo: ''Uduhe none ibyo kurya byacu by'uyu munsi.''

Ikibazo cya 109: Ese ni iki dusengera mu gisabisho cya kane?

Igisubizo: Ngo Imana iduhe ibintu byose bikenewe kubwo imibiri yacu.

Ikibazo cya 110: Ese igisabisho cya gatanu ni ikihe?

Igisubizo: Utubabarire ibicumuro byacu, nk'uko natwe tubabarira abaducumuraho.

Ikibazo cya 111: Ese ni iki dusengera mu gisabisho cya gatanu?

Igisubizo: Ngo Imana itubabarire ibyaha byacu, kandi idufashe kubabarira abaducumuyeho.

Ikibazo cya 112: Ese igisabisho cya gatandatu ni ikihe?

Igisubizo: Ntuduhane mu bitwoshya, ahubwo udukize umubi,

Ikibazo cya 113: Ese ni iki dusengera mu gisabisho cya gatandatu?

Igisubizo: Ngo Imana iturinde gukora icyaha.

## 5. IJAMBO, ITORERO N'AMASAKARAMENTU

Ikibazo cya 114: Ese ni gute Mwuka Wera atuzana ku gakiza?

Igisubizo: Akoresha Bibiliya, ari ryo Jambo ry'Imana.

Ikibazo cya 115: Ese ni gute twamenya Ijambo ry'Imana?

Igisubizo: Dutegekwa kumva, gusoma no kwiga ibyanditswe.

Ikibazo cya 116: Ese Itorero ni iki?

Igisubizo: Itorero ni ihuriro ry'abizera bateranira hamwe bigishwa Ijambo ry'Imana.

Ikibazo cya 117: Ese ni ayahe masakaramentu Kristo yahaye Itorero rye?

Igisubizo: Umubatizo n'ifunguro ryera.

Ikibazo cya 118: Kubera iki Kristo yatanze aya masakaramentu?

Igisubizo: Kugaragaza ko abigishwa be ari abe, no kubibutsa ibyo yabakoreye.

Ikibazo cya 119: Ese umubatizo ni iki?

Igisubizo: Ni ukwinika abizera mu mazi, nk'ikimenyetso cyo kungwa na Kristo mu rupfu rwe, guhambwa no kuzuka kwe.

Ikibazo cya 120: Ese ni iyihe ntego y'umubatizo?

Igisubizo: Kwereka abizera ko Imana yabogeje ibyaha byabo binyuze muri Yesu Kristo.

Ikibazo cya 121: Ni bande bagomba kubatizwa?

Igisubizo: Ni abihannye ibyaha byabo kandi bakizera Kristo kugira ngo bakizwe.

Ikibazo cya 122: Ese abana bato bakwiriye kubatizwa?

Igisubizo: Oya, kubera ko Bibiliya itabitegeka, cyangwa ngo itange urugero rwabyo.

Ikibazo cya 123: Ese ifunguro ryera ni iki?

Igisubizo: Kurya umugati no kunywa divayi ngo twibuke imibabaro n'urupfu rwa Kristo.

Ikibazo cya 124: Ese umugati ushushanya iki?

Igisubizo: Umubiri wa Kristo, washenjaguwe ku bw'ibyaha byacu.

Ikibazo cya 125: Ese divayi ishushanya iki?

Igisubizo: Amaraso ya Kristo, yamenetse ku bw'agakiza kacu.

Ikibazo cya 126: Ni bande bakwiriye gufata ifunguro ryera?

Igisubizo: Abihannye ibyaha byabo, bakizera Yesu Kristo kugira ngo bakizwe kandi bakunda bagenzi babo.

## 6. IBY’IMPERUKA

Ikibazo cya 127: Ese Kristo yagumye mu mva nyuma yo kubambwa kwe?

Igisubizo: Oya, yarazutse ava mu mva ku munsi wa gatatu nyuma yo gupfa.

Ikibazo cya 128: Ese ubu Kristo ari he?

Igisubizo: Mu ijuru, yicaye iburyo bw’Imana Data.

Ikibazo cya 129:Ese Kristo azagaruka?

Igisubizo: Yego. Ku munsi w’imperuka azagaruka gucira abari mu isi urubanza.

Ikibazo cya 130: Ese ni iki kiba ku bantu iyo bapfuye?

Igisubizo: Umubiri usubira mu mukungugu, na roho ikajya mu isi y’imyuka.

Ikibazo cya 131: Ese imibiri y’abapfuye izazurwa yongere ibeho?

Igisubizo: Yego. ‘‘Hazabaho umuzuko w’abapfuye, uw’abakiranutsi n’uw’abakiranirwa yombi.’’

Ikibazo cya 132: Ese ni iki kizaba ku nkozi z’ibibi (abanyabyaha) ku munsi w’urubanza?

Igisubizo: Bazajugunywa muri Gehinomu.

Ikibazo cya 133: Gehinomu ni iki?

Igisubizo: Ni ahantu hateye ubwoba cyane kandi hari igihano kidashira.

Ikibazo cya 134: Ese ni iki kizaba ku bakiranutsi ku munsi w’urubanza?

Igisubizo: Bazabana na Kristo iteka ryose, mu ijuru rishya n’isi nshya.

## 7. IBYASHINGIWEHO MURI BIBILIYA KURI BURI GISUBIZO

Inyigisho za Bibiliya ntabwo zemezwa n’inyandiko nke gusa, buri nyandiko igomba kumvwa mu mucyo w’igice iyo nyandiko ibonekamo. Rimwe na rimwe ukuri kuvugwa neza mu murongo umwe. Iyo bimeze gutyo umurongo umwe cyangwa ibiri ishingiweho iratangwa. Ubusanzwe kenshi, ukuri gatigisimu ishingiraho ni ukugaragara muri Bibiliya yose, iyo bimeze bityo imirongo myinshi ishingiweho iratangwa.

Ikibazo cya 1: Itangiriro 1:26-27; Umubwiriza 12:1; Ibyakozwe n’Intumwa 17:24-29

Ikibazo cya 2: Itangiriro 1:1, 3; Ibyakozwe n’Intumwa:14:15; Abaroma 11:36; Abakolosayi 1:16

Ikibazo cya 3: Zaburi 19:1; Yeremiya 9:23-24; Ibyahishuwe 4:11; 5:13

Ikibazo cya 4: Umubwiriza 12:13; Mariko 12:29-31; Yohana 15:8-10; 1Abakorinto 10:31

Ikibazo cya 5: Abaroma 11:36; Ibyahishuwe 4:11; Daniyeli 5:23

Ikibazo cya 6: Gutegeka Kwa Kabiri 6:4; Yeremiya 10:10; Mariko 12:29; Ibyakozwe n'Intumwa 17:22-31

Ikibazo cya 7: Matayo 3:16-17; Yohana 5:23; 10:30; 14:9, 10; 15:26; 16.13-15; 1Yohana 5:20; 2Yohana 9, Ibyahishuwe 1:4-5

Ikibazo cya 10: Zaburi 139:7-12; Yeremiya 23:23-24; Ibyakozwe n'Intumwa 17:27-28

Ikibazo cya 11: Kuva 33:20; Yosuwa 1:18; 1Timoteyo 6:16; Zaburi 139:1-5; Imigani 5:21; Abaheburayo 4:12-13

Ikibazo cya 12: 1 Ingoma 28:9; 2 Ingoma 16:9; Luka 12:6-7; Abaroma 2:16

Ikibazo cya 13: Zaburi 147:5; Yeremiya 32:17; Daniyeli 4:34-35; Abefeso 1:11

Ikibazo cya 14: Yobu 11:7; Zaburi 119:104; Yesaya 8:20; Matayo 22:29; 2Timoteyo 3:15-17

Ikibazo cya 15: 2Petero 1:20-21; Ibyakozwe n'Intumwa 1:16; 2Timoteyo 3:16; 1Petero 1:10-11

Ikibazo cya 16: Itangiriro 2:18-25; 3:20; 5;1-2; Ibyakozwe n'Intumwa 17:26; 1Timoteyo 2:13

Ikibazo cya 17: Itangiriro 2:7; 21-23; 3:19; Zaburi 103:14

Ikibazo cya 18: 1Abakorinto 15:45; Umubwiriza 12:7; Zekariya 12:1

Ikibazo cya 19: Matayo 10:28; Mariko 8:34-38; 12:30

Ikibazo cya 20: Reba ibyanditswe byo kukibazo cya 19

Ikibazo cya 21: Itangiriro 1:26-28; Zaburi 8:4-8

Ikibazo cya 22: Itangiriro 3:1-7; Umubwiriza 7:29; Hoseya 6:7 (Umuntu=Adamu)

Ikibazo cya 23: 1 Yohana 3:4; Abaroma 3:20; Yakobo 2:9-11

Ikibazo cya 24: 1Samweli 13:8-14; 15:22-23; Hoseya 6:7; Abaroma 1:21-32

Ikibazo cya 25: Itangiriro 2:16-17; 3:6

Ikibazo cya 26: Itangiriro 3:1-6; gereranya Abaheburayo 11:6

Ikibazo cya 27: Itangiriro 3:1-13; 2Abakorinto 11:3; 1Timoteyo 2:13-14; gereranya Ibyahishuwe 12:9

Ikibazo cya 28: Itangiriro 3:14-24; 4:1-24; Yakobo 1:14-15

Ikibazo cya 29: Zaburi 51:5; Abaroma 5:12, 18-19; 1Abakorinto 15:21-22; 1Yohana 5:19

Ikibazo cya 30: 1Abami 8:46; Zaburi 14:2, 3; 58:3; Umubwiriza 9:3; Matayo 15:18-20; Yohana 2:24-25; Abaroma 8:7

Ikibazo cya 31: Gutegeka kwa kabiri 27:26; Abaroma 1:18; 2:2, Abagalatiya 3:10; Abefeso 5:6

Ikibazo cya 32: Yeremiya 31:33-34; Ezekiyeli 36:25-27; Yohana 1:12-13; 3:1-10; 1Yohana 5:1, 4, 18

Ikibazo cya 33: Tito 3:5-7

Ikibazo cya 34: Yohana 3:3; Abaroma 8:6-11; 1Abakorinto 2:9-14; 2Abatesalonike 2:13-14; Tito 3:5-6

Ikibazo cya 35: Kuva 33:19; 34:6; Zaburi 33:5; Hoseya 3:5; Abaroma 11:22

Ikibazo cya 36: Imigani 20:9; Umubwiriza 7:20; Abaroma 3:10-23

Ikibazo cya 37: urugero 1Samweli 18:3; Matayo 26:14-15

Ikibazo cya 38: Zaburi 2:7-8; 40:6-8; 89:3-4; Yohana 6:37-39; 17:6; Abaheburayo 13:20; Tito 1:2; 2Timoteyo 1:9; Abefeso 3:11

Ikibazo cya 39: Abaroma 8:3-4; Abagalatiya 4:4-5; Abaheburayo 9:14-15

Ikibazo cya 40: Luka 23:47; Abaheburayo 7:26; 4:15; 1Petero 2:22; 1Yohana 3:5

Ikibazo cya 41: Yohana 1:14; Abaroma 8:3; Abagalatiya 4:4; Abafilipi 2:7-8; Abaheburayo 2:14, 17; 4:15

Ikibazo cya 42: Mariko 10:45; Ibyakozwe n'Intumwa 13:38-39; Abaroma 3:24-26; 5:8-9; 2Abakolinto 5:19-21; Abagalatiya 3:13; 1Petero 3:18

Ikibazo cya 43: Abaroma 8:29-33; Abaheburayo 10:9-10; 1Abakorinto 1:8-9; Abafilipi 1:6; 1Abatesalonike 4:3, 7

Ikibazo cya 44: Zakaliya 3:1-5; Abaroma 3:24-26; 4:5; 8:33; 2Abakolinto 5:21; Abaheburayo 8:12

Ikibazo cya 45: Yohana 17:17; Abaheburayo 2:10; 4:22-24; Abafilipi 2:12-13; 1Abatesalonike 5:23

Ikibazo cya 46: Yesaya 53:8; Matayo 1:21; Yohana 10:11, 15-16, 26-29; 17:9; Abaheburayo 2:13

Ikibazo cya 47: Matayo 5:17; Abaroma 10:4; 1Petero 2:21-22

Ikibazo cya 48: Zaburi 22; Yesaya 53; ubutumwa bwiza

Ikibazo cya 49: Mariko 1:15; Luka 13:3, 5; Ibyakozwe n'Intumwa 2:37-41; 16:30-31; 20-21; 26:20

Ikibazo cya 50: Luka 19:8-10; Abaroma 6:1-2; 2Abakorinto 7:9-11; 1Abatesalonike 1:9-10

Ikibazo cya 51: Yohana 14:6; Ibyakozwe n'Intumwa 4:12; 1Timoteyo 2:5, 1Yohana 5:11-12

Ikibazo cya 52: Yohana 3:5-6; 6:44; Abaroma 8:2, 5, 8-11; 1Abakorinto 2:9-14; Abagalatiya 5:17-18; Abefeso 2:4-6

Ikibazo cya 53: luka 11:9-13; Yohana 4:10; 16:24

Ikibazo cya 54: Yohana 8:56; Abagalatiya 3:8-9; 1Abakolinto 10:1-4; Abaheburayo 9:15; 11:13

Ikibazo cya 55: Kuva 24:3-8; 1Ingoma 29:20-25; Abaheburayo 9:19-23; 10:1; 11:28

Ikibazo cya 56: Kuva 12:46 (gereranya Yohana 19:36); Abaheburayo 9 ni 10; Yohana 1:29; 1Abakolinto 5:7; 1Petero 1:19

Ikibazo cya 57: Abaheburayo 1:1-3; 5:5-10; Ibyahishuwe 1:5; Matayo 13:57; Yohana 18:37

Ikibazo cya 58: Gutegeka kwa kabiri 18:15, 18; Yohana 1:18; 4:25; 14:23-24; 1Yohana 5:20

Ikibazo cya 59: Zaburi 110:4; 1Timoteyo 2:5-6; Abaheburayo 4:14-16; 7:24-25; 1Yohana 2:1-2

Ikibazo cya 60: Zaburi 2:6-9; Matayo 28:18-20; Abefeso 1:19-23; Abakolosayi 1:13, 18; Ibyahishuwe 15:3-4

Ikibazo cya 61: Yobu 11:7; Matayo 11:25-27; Yohana 6:67-69; 17:25-26; 1Abakolinto 2:14-16; 2Abakolinto 4:3-4

Ikibazo cya 62: Imigani 20:9; Umubwiriza 7:20; Abaroma 3:19-23; Abaheburayo 10:14, 27-28; 1Yohana 1:8-9

Ikibazo cya 63: Yohana 15:4-5; 2Abakorinto 12:9; Abafilipi 4:13; Abakolosayi 1:11; Yuda 24:25

Ikibazo cya 64: Kuva 20:1-17; Gutegeka kwa kabiri 5:1-22

Ikibazo cya 65: Luka 20:25-28; Abaroma 2:14-15; 10:5

Ikibazo cya 66: Gutegeka kwa kabiri 6:5-6; 10:12-13

Ikibazo cya 67: Gutegeka kwa kabiri 10:19; Mika 6:8; gereranya Abagalatiya 6:10

Ikibazo cya 68: gutegeka kwa kabiri 6:1-15; 11:1; Matayo 22:35-40; Yakobo 2:8

Ikibazo cya 69: Luka 10:25-37; 6:35

Ikibazo cya 70: Imigani 8:17; Kuva 20:6

Ikibazo cya 71: Zaburi 7:11; Malaki 2:17; Imigani 6:16-19

Ikibazo cya 72: Kuva 20:3; gutegeka kwa kabiri 5:7

Ikibazo cya 73: Yessaya 45:5-6; Matayo 4:10; Ibyahishuwe 22:8-9

Ikibazo cya 74: Kuva 20:4-6; Gutegeka kwa kabiri 5:8-10

Ikibazo cya 75: Yesaya 44:9-20; 46:5-9; Yohana 4:23-24; Ibyakozwe n'Intumwa 17:29

Ikibazo cya 76: Kuva 20:7; gutegeka kwa kabiri 5:11

Ikibazo cya 77: Yesaya 8:13; Zaburi 29:2; 138:2; Ibyahishuwe 15:3-4

Ikibazo cya 78: Kuva 20:8-11; 13:12; Gutegeka kwa kabiri 5:12-15

Ikibazo cya 80: Ibyakozwe n'Intumwa 207; Ibyahishuwe 1:10

Ikibazo cya 81: Matayo 28:1; Mariko 16:9; Luka 24:1-6; Yohana 20:1

Ikibazo cya 82: Yesaya 58:13-14; Ibyakozwe n'Intumwa 20:7; 1Abakorinto 16:2; Luka 4:16; Matayo 12:10-13

Ikibazo cya 83: Kuva 20:12; Gutegeka kwa kabiri 5:16

Ikibazo cya 84: Matayo 15:3-6; Abefeso 6:1-3; Abakolosayi 3:20

Ikibazo cya 85: Kuva 20:13; Gutegeka kwa kabiri 5:17

Ikibazo cya 86: Matayo 5:21-24; 1Yohana 3:15

Ikibazo cya 87: Kuva 20:14; Gutegeka kwa kabiri 5:18

Ikibazo cya 88: Matayo 5:27-28; Abefeso 5:3, 5; Abafilipi 4:8-9

Ikibazo cya 89: Kuva 20:15; Gutegeka kwa kabiri 5:19

Ikibazo cya 90: Kuva 23:4; Imigani 21:6-7; Abefeso 4:28

Ikibazo cya 91: Kuva 20:16; Gutegeka kwa kabiri 5:20

Ikibazo cya 92: Zaburi 15:1-3; Zekarsiya 8:16; 1Abakolinto 13:6; Yakobo 4:11

Ikibazo cya 93: Kuva 20:17; Gutegeka kwa kabiri 5:21; Abaroma 7:7

Ikibazo cya 94: Abafilipi 4:11; 1Timoteyo 6:6-8; Abafeso 13:5

Ikibazo cya 95: Imigani 20:9; Umubwiriza 7:20; Abaroma 3:19-20; Yakobo 2:10; 1Yohana 1:8, 10

Ikibazo cya 96: 1Timoteyo 1:8-11; Abaroma 3:20; Abagalatiya 3:24

Ikibazo cya 97: Itangiriro 17:22; 18:33; Nehemiya 1:4-11; 2:4; Matayo 6:6; Abaroma 8:26-27

Ikibazo cya 98: Yohana 14:13-14; 16:23-24; Abaheburayo 4:14-16

Ikibazo cya 99: Matayo 6:5-15; Luka 11:1-13

Ikibazo cya 102: Matayo 6:9; Luka 11:2

Ikibazo cya 103: Zaburi 8:1; 72:17-19; 113:1-3; 145:21; Yesaya 8:13

Ikibazo cya 104: Matayo 6:10; Luka 11:2

Ikibazo cya 105: Matayo 28:19-20; Yohana 17:20-21; Ibyakozwe n'Intunwa 8:12; 28;30-31; 2Timoteyo 3:1

Ikibazo cya 106: Matayo 6:10; Luka 11:2

Ikibazo cya 107: Zaburi 67; 103:19-22; Yohana 9:31; Ibyahishuwe 4:11

Ikibazo cya 108: Matayo 6:11; Luka 11:2

Ikibazo cya 109: Zaburi 145:15-16; Imigani 30:8-9; 1Timoteyo 4:4-5

Ikibazo cya 110: Matayo 6:12; Luka 11:4

Ikibazo cya 111: Zaburi 51; Matayo 5:23-24; 18:21-35; 1Timoteyo 4:4-5

Ikibazo cya 112: Matayo 6:13; Luka 11:4

Ikibazo cya 113: 1 Ingoma 4:10; Zaburi 119:11; Matayo 26:41

Ikibazo cya 114: 1 Abatesalonike 1:5-6; 2:13; 2Timoteyo 3:15-16; Yakobo 1:18; 1Petero 1:22-23

Ikibazo cya 115: 1 Petero 2:2; Ibyahishuwe 3:22; Matayo 21:42; 22:29; 2Timoteyo 3:14-17

Ikibazo cya 117: Matayo 18:20; Ibyakozwe n'Intumwa 2:42

Ikibazo cya 118: Matayo 28:19; 1Abakorinto 11:24-26

Ikibazo cya 119: Yohana 3:23; Ibyakozwe n'Intumwa 2:41; 8:12, 35-38; Abakolosayi 2:12

Ikibazo cya 120: Ibyakozwe n'Intumwa 22:16; Abakolosayi 2:11-14

Ikibazo cya 121: Ibyakozwe n'Intumwa 2:37-41; 8:12; 18:8; 19:4-5

Ikibazo cya 123: Mariko 14:22-24; 1Abakorinto 11:23-29

Ikibazo cya 124: Matayo 26:26; 1Abakorinto 11:25

Ikibazo cya 125: Matayo 26:27-28; 1Abakorinto 11:25

Ikibazo cya 126: Matayo 5:21-24; 1Abakorinto 10:16-17; 11:18, 20, 27-33; 1Yohana 3:14-17; 4:9-11

Ikibazo cya 127: Luke 24:45-47; 1Abakorinto 15:3-4

Ikibazo cya 128: Abaroma 8:34; Abaheburayo 1:3; 10:12; 12:2

Ikibazo cya 129: Matayo 25:31-46; 2Abatesalonike 1:7-10; 2Timoteyo 4:1

Ikibazo cya 130: Itangiriro 3:19; Umubwiriza 12:7; 2Abakolinto 5:16

Ikibazo cya 131: Ibyakozwe n'Intumwa 24:14-15; Yohana 5:28-29; Daniyeli 12:2

Ikibazo cya 132: Zaburi 9:16-17; Luka 12:5; Ibyahishuwe 20:12-15

Ikibazo cya 133: Matayo 25:46; Mariko 9:43-48; Luka 16:19-31

Ikibazo cya 134: Yesaya 66:22; 1 Abatesalonike 4:16-17; 2Petero 3:10-13; Ibyahishuwe 21:1-4